

## *GUTABAZA YESU MU BYO DUKENEYE BYIHUTIRWA*

Icyumweru cya 8 - Iminsi 100 yo Gusenga

Gicurasi 15 - 21 Gicurasi 2020

### *GUHINDURWA N'URUKUNDO RW'IMANA*

Byateguwe na: Derek Morris

“Ni ukuri nagukunze urukundo ruhoraho, nicyo cyatumye ngukuruza ineza nkakwiyegereza”- **Yeremiya 31: 3**

Mary Ann Robert (Soma: Mariya Ani Roberi) yakuriye mu rugo rwa gikristo, ariko mu gihe yari akiri muto ntabwo yigeze yiyegurira Yesu nk'Umwami n'umukiza we bwite. Nyuma yo kurangiza Kaminuza yarashyngiwe, umugabo we ahita ajya mu gisirikare kandi bahita bimukira i Burayi. Aho niho Mary Ann yahise afata icyemezo cyo kuva mu itorero maze bituma agira imyifatire ya kinyamaswa.

Mu 1983 yikubise hasi ku rutare. Mu gihe cy'iminsi y'ikiruhuko (weekend) muri icyi gihe gito cyane yanyweye inzoga arasinda cyane kandi ahita arwara kuburyo atabashije kwitabira inama y'umuryango. Nibwo Mary Ann yahisemo gusaba Imana ko yakongera ikaba mu bugingo bwe. Ishusho ishimishije yaje mu bwenge bwe muri icyo gihe gito mu buzima bwe iyo shusho yari iy'umubyeyi wuje urukundo wirukanse mu muhanda ajya gusanganira umwana we w'ikirara. Mary Ann yamenye neza ko ariwe mwana wasanganirwaga.

Amaze kubona ko akeneye kugira ibyo ahindura mu mibereho ye, yandikira umupasitoro w'umukristo amubwira ko yiyemeje kuba umuyobohe wa Yesu. Umugore wa Pasiteri yibajije ukuntu hazabaho ingorane mu kongera kugaruka mu murongo kwe. Yafashe

icyemezo cyo gushyigikira Mary Ann amuhamagara kuri terefone buri gitondo mu gihe cy'umwaka wose kugira ngo bajye bafatanyaga gusenga.

Nubwo Mary Ann yatangiye kujya ajya mu rusengeru rwa gikristo, yafashe n'icyemezo cyo kwegurira Imana igice cy'ingenzi mu buzima bwe. Yakomeje kumva ko hari ikintu kibuze mu buzima bwe. Yumvaga ko Imana hari icyo imuteganyirije kidasanzwe kiri mu bubiko bwayo yari atarahishurirwa. Yahoraga yifuzaga ko yakomeza amashuri ye maze afata icyemezo cyo gusubira ku ishuri. Ibyo byamubereye igisubizo mu mutima we. Yasabye kwiga kandi yemererwa kwiga mu cyiciro cya kabiri cya kaminuza muri siyansi, none ubu arangije icyiciro cy'amashuri makuru, aho yabonye impamyabumenyi y'ikirenga mu byerekeranye n'urwungano rw'imyakura n'imikorere y'ubwonko ariko yakomeje kumva hari ikibura mu buzima bwe.

Mu mpeshyi yo mu 2001, Mary Ann yitabiriye amateraniro makuru yabereye mu majyaruguru ya Karolina. Yari ashishikariye cyane gusabana n'inshuti, nuko yicara inyuma mu nzu abantu bari bateraniyemo. Mu gihe cy'iteraniro rimwe mu yagombaga, kuba yumvise umuvugabutumwa atangaza ko umuntu wese unejewe no gusobanukirwa iby'umushinga w'ivugabutumwa muri Kenya ko bahura nyuma y'amateraniro.

Mary Ann (Soma: Mariya Ane) yibuka ko ubusanzwe akunda kubanza kugereranya ibintu mbere yuko agira icyo akora ariko muri kiriya gihe byasaga nk'aho hari umuntu wari uhagaze imbere yanjye aze nk'untunga urutoki imbona nkubone." Iteraniro rirangiye, yagiye imbere azamuka kuri mpimbara mu nzu iteraniro ryari riteraniyemo afite umutima umenetse ko Imana imuhamagariye kwitabira umurimo wayo w'ivugabutumwa muri Kenya. Akimara kuvugana na Mary Ann, umuvugabutumwa yamutumiriye kuzayobora amateraniro y'ivugabutumwa I Rongo muri Kenya. Mary Ann ntabwo yari umuvugizi wa rubanda. Ntabwo yari afite imyitozo ya homiletics kandi rwose ntabwo yari amenyereye kuvugira mu ruhame. Nta n'ubwo yari yarahuguriwe

uburyo bwo kubwiriza. Nta n’ubwo yari afite uburambe mu gukora umurimo w’Imana. Ntabwo yari yarigeze atekereza ko Imana yamusaba kuba umubwiriza ariko uwo muni yari yafunguriye Mwuka wera umutima kugirango amukoreremo kandi atangira gusenga akoresheje amagambo ye agira ati: “Mwami, nguhaye uburenganzira bwo kunyohereza mu bisarurwa byawe”

Mu mezi make cyane yakurikiyeho Mary Ann (Soma: Mariya Ane) yagiye muri Kenya gukora ibyo Imana yamuhamagariye gukora. Nubwo yari afite ubwoba, buri joro iyo yahagurukaga kubwiriza, yumvaga Imana imubwira amagambo yo kubwira iteraniro ry’abantu bari bateraniye ku karubanda. Mu gusoza amateraniro yari ayoboye, abantu barenga 500 batanze ubuhamya ko bakunda Yesu barabatizwa. Ushobora gutekereza ukuntu Mary Ann (Mariya Ane) yuzuye umunezero n’ibyishimo bidasanze! Kandi ibyo byishimo ntibyatuje. Mary Ann (Mariya Ane) yakomeje umurimo wo kubwiriza, gusangiza abantu urukundo rw’Imana no gukomeza kuyoborwa n’Imana. Yabonye umuhamagaro we igihe yemereraga Imana, akayihya uburenganzira bwo kumukoresha mu bisarurwa byayo.

Mbese ntiwaha Imana uburenganzira bwo kugukoresha mu bisarurwa byayo? Ntibyari bikwiriye kumera nk’uko byari bimeze mu mezi atatu ashize mbere y’uko icyorezo cya COVID-19 gitangira. Haracyari byinshi byo gukora kandi abantu benshi bategereje kumva ubutumwa bwiza! Senga kandi umubaze Imana icyo yifuza ko ukora

### **IBIBAZO BYO KUZIRIKANA**

Ubuzima bwacu muri iki gihe bwifashe Bute? Mbese twaba twarahaye Imana uburenganzira bwo kudukoresha mu bisarurwa byayo? Niba twumva turi kure y’Imana, reka tuzirikane ko Yo idutegereje, idutegeye ibiganza n’urukundo rwinshi idukunda kugira ngo tuyigarukire. Ntishaka kutwifuriza kugaruka mu rugo gusa ahubwo afitiye

umwanya w’umurimo udasanzwe kuri buri muntu. Mbese ntitwayifungurira imitima yacu tukumvira irarika ryayo?

## **IMBOGAMIZI TUGOMBA KUZIRIKANA**

Reba ahagukikije uburyo butandukanye Imana ikwerekereamo urukundo rwayo. Birashoboka ko uzabona urukundo rwayo binyuze mu bandi, binyuze mu byaremwe, cyangwa se mu bundi buryo. Mu gihe ubonye urukundo rwayo mu nzira imwe rukumbi, reba aho ubyandika hanyuma ubisangize abantu babiri muri iki cyumweru nk’uko tubisoma muri Yohana 15:12. Reka bibe akamenyero ko kwita ku rukundo rw’Imana nk’inzira imwe rukumbi ushobora gusangiza mo abandi urukundo rwayo.

“Data aradukunda, atari ukubera impongano nini, ahubwo yatanze impongano kuko adukunda. Kristo yatubereye umuhuza kandi binyuze muri uyu murimo adukorera yasesekaje urukundo rwe rutagira akagero ku isi yacumuye. ‘Imana yari muri Kristo, yo ubwayo yiyunga n’abari mu isi. Nk’uko tubisoma mu 2 Abakorinto 5:19, uru rukundo ni ntagereranywa ku bana b’Umwami wo mu ijuru. Dore amasezerano y’agaciro. Iyi ni insanganyamatsiko yo gutekerezaho cyane. Urukundo rutagereranywa rw’Imana ku batuye isi kandi badakunda Imana!’”Steps to Christ, p. 13, 15.

# **Umunsi wa 50 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa gatandatu w'isabato, 15 Gicurasi 2020**

## **RAPORO YO GUSHIMA**

- Elizabeth W. (Soma Elizabeti W.) Yagize ati: “Ndashimira Imana kubw'imbaraga zayo zikiza!”
- Umwizera wo mu bwongereza yaravuze ati: “Dushimire Imana kuba yarumvise amasengesho yacu kandi mu buryo bw'igitangaza igatanga ibyo kurya n'ubufasha bw'amafaranga mu gihe gikwiriye tutibagiwe no kunkiza indwara z'umugongo.”
- Abahanga bari gukora cyane kugira ngo barebe ko haboneka urukingo n' umuti wo kuvura virusi. Umurimo uri kujya mbere kandi hari Ibyiringiro.

## **IBYIFUZO BYO GUSENGERA**

1. Gusaba Imana ngo iguhe umutima w'ubushake wemera gukoreshwa nayo igihe cyose n'ahantu hose iguhamariye.
2. Gusabira ivugabutumwa ryose riri gukorwa hakoreshejwe ikoranabuhanga kandi n'ibikorwa by'itorero bizakorwa Imana izabihe umugisha.
3. Gusabira urubyiruko rufite imbogamizi mu gufata icyemezo cyangwa barwanya Kristo. Basabire kugira ngo bagire urukundo kandi bamenye n'ukuri kwa Yesu ngo bamukorere bishimye ubuzima bwabo bwose.
4. Gusabira amatsinda mato y'itorero ku isi yose adafite inyubako zo gusengeramo; akaba ari gushaka ubutaka bwo kuzubakamo insengero. Saba ngo Imana ikangurire abizera bose kujya mu murimo wo gushinga amatorero.

## **Umunsi wa 51 - icyerekezo cy'amasengesho Isabato, Gicurasi 16, 2020**

### **Kwitanga kw'Imana**

“Ariko Imana yerekanye urukundo rwayo idukunda ubwo Kristo yadupfiraga tukiri abanyabyaha.” **Abaroma 5: 8**

“Icyaha kimaze kubaho, habonetse Umucunguzi ari we Kristo. Yari azi ko agomba kuzababara kandi yagiye mu cyimbo cy'umuntu wacumuye. Adamu akimara gucumura, umwana w'Imana yahise yigaragaza nk'incungu ku nyoko muntu. ” - In Heavenly Places, 13.2

### **IBIBAZO BYO KUZIRIKANA**

Igihe Adamu na Eva bacumuraga, n'Imana ubwayo bari batandukanyijwe nayo mu kutayumvira bakanayicumuraho, Imana ibariyo itera intambwe ya mbere isanga inyokomuntu. Imusanga yuzuye ubuntu, kubabarira ndetse n'isezerano ko Yesu azajanjagura inzoka ariyo Satani (Itangiriro 3:15) maze ahinduka Igitambo -agakiza kabo. Kristo na bugingo ubu aracyaza akugana afite iyo myifatire twavuze. Yarakwitangiye kandi ashaka kuguha agakiza. Mbese uyu munsi ntiwamwemerera ukirukira mu biganza bye byuje urukundo kandi ukemera amaraso ye akwezaho ibyaha no gukiranuka kwe?

### **RAPORO ZO GUSHIMIRA**

Gushimira Imana ko Dr. Hammel (Soma Muganga Hameli) yakize icyorezo cya Covid-19 (Umuganga w'ubuvuzi muri Beriyani ) nyuma yo gutakambira Imana kw'umuryango w' abizera.

• Itorero ryo mu Bushinwa riratera imbere nubwo hakiri ibibujijwe kubera Covid-19 na gikomunisiti. Ibihumbi n’ibihumbi byinshi by’abantu bahurira mu murongo w’ikoranabuhanga bagasenga.

## **IBYIFUZO BYO GUSENGERA**

1. Gusaba Imana ngo ihumure amaso yawe ubone urukundo igukunda rutagira iherezo. Saba Imana ikwereke byinshi ku miterere y’urukundo rwayo buri muni.
2. Gusabira abayobozi b’itorero n’abizera bo muri Indoneziya aho bamwe banduye Covid-19 bagapfa.
5. Gusabira abantu bo muri Papuwa muri Gineya nshya nk’ igihugu kidafite ibikoresho bihagije kugira ngo gihangane n’ibibazo by’icyorezo cya Covid-19.
6. Gusabira imiryango yabuze ababo muri iki gihe cy’ibiza biterwa n’imvura nyinshi haba mu Rwanda ndetse n’ahandi ku isi yose.

## **Umunsi wa 52 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa mbere wa Sabato, 17 Gicurasi 2020**

### **Kwiyegurira Yesu**

“Aroni ababwira amagambo yose Uwiteka yatumye Mose, akorera bya bimenyetso imbere y’abantu. Abantu baremera bumvise yuko Uwiteka yagendereye Abisirayeli akabona umubabaro wabo, barunama bikubita hasi. ” - Kuva 4: 30-31

“Urashaka kwiyegurira Yesu ariko uri umunyanteye nke mu by’Umwuka? Wabaye imbata yo gushidikanya kandi uyoborwa n’imibereho mibi y’icyaha wimenyereje? Amasezerano yawe n’ibisubizo nta reme bizagira. Ntushobora kugenzura ibitekerezo

byawe, ibyifuzo byawe n’urukundo rwawe. Kumenya amasezerano yawe wishe hamwe n’imihigo itarahiguwe bigabanya icyizere cyawe mu budahemuka bwawe maze bikagutera kumva ko Imana idashobora kukwemera; ariko ntugomba kwiheba. icyo ukeneye gusobanukirwa ni imbaraga nyazo z’ubushake. Iyi ni imbaraga iyobora mu miterere y’umuntu, imbaraga ituma ufata icyemezo cyangwa guhitamo ikintu cyose giterwa n’igikorwa cy’ukuri cy’ ubushake. Ni imbaraga itera guhitamo Imana yahaye abantu. Ni ahabo kuyigerageza. Ntushobora guhindura umutima wawe. Ushobora kwiyegegurira Imana ngo ugire urukundo rwayo. Nanone bityo ushobora guhitamo kuyikorera. Ushobora kuyegurira ubushake bwawe; izahita ikorera muri wowe ku bushake no gukora ibyiza bityo kamere yawe yose izayoborwa n’Umwuka wa Kristo. Urukundo rwawe ruzaba rushingira kuri we, ibitekerezo byawe bizagenda n’uko ashaka.”

– Steps to Christ, 47

## **IBIBAZO BYO KUZIRIKANA**

Iyo duhuye n’ukuri kw’amasezerano yuje urukundo akomoka ku Mana, atavana mu bubata akatugeza ku gakiza. Abayisirayeli bari barafashe icyemezo cyo kubana n’ Imana, kuyiyegurira no kuyiramya.

Mu gihe utekereza urukundo rudasanze Imana igukunda, ntiwahitamo uyu muni kuyisubiza ufite imiterere imwe n’iyayo y’urukundo? Mbese ntiwayegurira ubushake bwawe, ubugingo bwawe n’umutima wawe?

Imana ni nziza. Yifuzaga gufasha no gukiza. Uburyo bikorwamo rimwe na rimwe bishobora kubabaza ariko bikwiriyeye. Ni kuki utareka kugendanga n’iby’isi, ukabana n’Imana, ukayegurira ubugingo bwawe n’ubushake bwawe muri iki gihe kandi ukajya uyiramya?



## **RAPORO ZO GUSHIMIRA**

- Amabwiriza kuri Covid-19 yatumye abantu bashishikazwa kumva ubutumwa bwiza mu burasirazuba bwo hagati. Abantu batandukanye, mu gihe cya guma mu rugo byatumwe Itorero ribahuriza ku murongo w'ikoranabuhanga.
- Uruhererekane rw'amasengesho menshi ari kubera muri Diviziyo y'Amerika yo hagati.

## **IBYIFUZO BYO GUSENGERA**

1. Gusengera ababwiririsha ubutumwa ibitabo bo ku isi yose bahuye n'ikibazo cy'umutungo kubera icyorezo cya covid-19. Basabire ngo babone uburyo bwo gukomeza kubwiriza ubutumwa hakoreshajwe ibitabo muri iki gihe kandi abantu babonere imigisha mu kubisoma.
2. Gusabira abizera bakiranuka bakorana n'ubuhunikiro bw'ibiribwa muri iki gihe. Basabire kugira ngo Imana ibarinde iyi virusi mu gihe bakora iki gikorwa cy'urukundo ku baturage babo.
3. Gusabira abalayiki, abigisha ba Bibiliya n'abavugabutumwa batunzwe n'umurimo w'ubuhinzi n'ubundi buryo bwo kwibeshaho kugira ngo biteze imbere ndetse no kwita ku miryango yabo. Sabira abatuye kandi bakorera mu turere twibasiwe n'amapfa akomeye
4. Gusabira Abantu barwaye indwara zidakira n'abafite ubumuga.

**Umunsi WA 53 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa kabiri  
w'isabato, 18 Gicurasi 2020**

**Kwitangira inshuti**

“Inshuti nyinshi zisenya urugo ariko haba inshuti iramba ku muntu, imurutira umuvandimwe.”

Imigani 18:24

“Yonatani wavutse azaba umuragwa w'intebe ya cyami kandi azi neza ko yatoranijwe n'itegeko mvajuru. Yari afitiye ubwuzu mukeba we kandi inshuti ze zari zimuzi nk'umwizerwa, arinda ubuzima bwa Dawidi akaga wenyine. Izina rya Yonatani rifite agaciro mu ijuru, kandi rifite ubuhamyanya kuri iyi si n'imbaraga zo kutikunda.” Education 157

**IBIBAZO BYO KUZIRIKANA**

Ubucuti bwa Yonatani na Dawidi bwari bufite ireme ry'iby'umwuka kandi bwimbitse mu buryo butagaragara cyane. Ubucuti bwabo bwari bushingiye ku masezerano yera yo gufashanya mu by'Umwuka no kwitanga. Mbese ufite inshuti mu by'umwuka? Waba uri inshuti mu by'umwuka ku wundi muntu? Ni kuki utahitamo guharanira ko bagenzi bawe batera imbere mu by'Umwuka ushyira ibyifuzo n'ibinezeza byawe ku ruhande maze ugatanga igihe cyawe kandi ugakunda gushyigikira bagenzi bawe mu rugendo bagendanamo na Kristo?

## **RAPORO ZO KWISHIMIRA**

- Umuryango w'ivugabutumwa witwa “Handitswe ngo” mu mavuna bakoze bakoresheje ikoranabuhanga batanga raporo ishimishije cyane ku bantu ibihumbi byinshi byayakurikiye ku murongo w'ikoranabuhanga kandi benshi bafata ibyemezo byo kwiyegegurira Yesu. Hari ababashakisha kugira ngo babahuze n'amatorero y'abadventiste kugira ngo bakurikirane imyizerere yaryo.
- Benshi mu bahoze mu Itorero ry'Abadiventisti barimo kugaruka mu itorero babikesheje ibikorwa by'ivugabutumwa rikoresha ikoranabuhanga bigenda byiyongera.

## **IBYIFUZO BYO GUSENGERA**

1. Gusabira inshuti zawe cyane cyane abataramenya Kristo cyangwa bavuye mu bukristo. Saba kugira ngo Imana iguhe ubutwari bwo kuba urugero rwiza, ugaragara ko wahindutse, ufite imibereho y'iby'umwuka abandi babasha kwigiraho mu mibereho yabo.
2. Gusabira amateraniro y'ivugabutumwa ateganijwe kuzabera mu kibaya cya Rifuti muri Kenya, kikaba ari ahantu hataragerwa n' itorero ryacu.
3. Gusaba Imana ngo ifashe itorero rya Phoenix Beacon Light SDA mu gihe abizera bashya bari kwitegura gukorera Itorero ryabo.
4. Gusabira imiryango itabanye neza. Basabire kugira ngo bibuke amasezerano yabo basezeranye bagishakana maze bafate icyemezo cyo gusubirana.

## **Umunsi wa 54 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa gatatu w'Isabato 19 Gicurasi 2020**

### **Kwitangira uwo mwashakanye cyangwa Umuryango wawe**

“Bagore, mugandukire abagabo banyu nk’uko mugandukira Umwami wacu. Bagabo mukunde abagore banyunk’uko Kristo yakunze Itorero akaryitangira. Bana mujye mwumvira ababyeyi banyu mu Mwami wacu kuko aribyo bibakwiriye. Namwe ba se ntimugasharirire abana banyu, ahubwo mubarere mubahana mubigisha iby’Umwami wacu.” - Abefeso 5:22, 25; 6: 1, 4

“Impamvu yo gucamo ibice no kutumvikana mu miryango no mu itorero ni ugutandukana na Kristo. Kuza bugufi bwa Kristo ni ukuba bugufi hagati yacu na bagenzi bacu. Ibanga ry’ubumwe nyabwo bw’abagize itorero n’abagize umuryango ntabwo ari ukubana bacengana, ntabwo ari ukumenya gucunga umutungo cyane, nta n’ubwo ari n’imbaraga zidasanzwe z’umuntu zimubashisha kuva mu ngorane arimo. – N’ubwo haba hari ibirenze ibi ubasha gukora, ibanga ry’ubumwe nyabwo ni ukuba umwe na Kristo”

The Adventist Home, 179

### **IBIBAZO BYO KUZIRIKANA**

Uwo mwashakanye n'umuryango wawe ni abantu mu buzima bwawe ufiteye inshingano zikomeye: kubakunda, kubashyigikira no kubahindura abigishwa mu byishimo, mu rukundo no mu kugirana umubano na Yesu. Mbese ubu ntiwakwemera kwitanga k’ubuntu, imbabazi n’urukundo Yesu yakugaragarije, k’uwo mwashakanye n’umuryango wawe? Mbese urifuza kuba umuyobozi w’iby’umwuka mu muryango

rwawe? Saba Yesu uyu muni kugendana nawe mu buryo bwimbitse no mu bumwe kugira ngo ubashe kumugaragariza uwo mwashakanye n'umuryango wawe.

## **RAPORO ZO GUSHIMA**

- Prosper O. (Soma Porosiperi O) yaravuze ati: “Yego! Hatitawe kuri COVID-19, nzakomeza kuririmba indirimbo zo guhimbaza Uhoraho Usumba byose.”
- Jon W. Yaravuze ati: “Iki cyorezo cyatumye hanzamo icyifuzo gishya cyo kurushaho kubana na Kristo!”

## **IBYIFUZO BYO GUSENGERA**

1. Gusabira uwo mwashakanye, ababyeyi, abana, abavandimwe n'umuryango mugari. Basabire kugira ngo bamenye Umwami Yesu Kristo. Saba kugira ngo uzabe umugabo cyangwa umugore, ababyeyi, umuvandimwe n'umuhungu cyangwa umukobwa Kristo yifuza ko yaba we.
2. Gusabira itariki ya 6 Kamena izaba umunsi w'abashakanye n'umuryango wateguwe n'icyiciro cy'umuryango mu nteko nkuru rusange y'itorero ry'abadventiste b'umunsi wa 7 ku isi ([family.adventist.org](http://family.adventist.org)).
3. Gusabira abasore batarashaka bumva bafite irungu muri iki gihe. Basabire kugira ngo babone imigisha mu busore bwabo kandi bakore umurimo Imana yabahamagariye. Basabire kugira ngo bazabone abafasha bakwiriye mu buryo bugendanye n'ubushake bw'Imana.
4. Gusabira abantu bahanganye n'ibiyobyabwenge.
5. Gusabire umwizera wo muri Trinidad wapfushije umukobwa we wishwe n'abagizi ba nabi hashize imyaka ibiri n'umuhungu we akicwa mu kwezi kwa

Werurwe gushize. Saba Imana ngo imukomeze kandi imurindire abasigaye mu muryango.

## **Umunsi wa 55 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa Kane w'isabato 20 Gicurasi 2020**

### **Kwitangira Itorero ryawe ubarizwamo**

“Abizeye bose bahuzaga umutima n’inama, kandi nta n’umwe wagiraga ubwiko ku kintu, ahubwo byose barabisangiraga” **Ibyakozwe n’intumwa 4:32**

“Abahinduwe n’ubutumwa bwiza bari bahuje umutima kandi bari umubiri umwe. Baharaniraga inyungu rusange. Uko umurimo bashinzwe wagenda ujya mbere, nta mutima wo kurarikira umwanya w’ubuyobozi bari bafite. Urukundo bakunda abavandimwe babo n’impamvu yatumye bubaka ingo byari bifite agaciro cyane kuruta gukunda amafaranga n’ubundi butunzi. Ibikorwa byabo byahamyaga ko bahuye n’abantu bafite agaciro karenze ubutunzi bw’isi. Nguko uko bigenda igihe Umwuka w’Imana yigaruriye ubugingo.” **Acts of the Apostles, 70.**

### **IBIBAZO BYO KUZIRIKANA**

Hari ibihe dushobora gutenguha itorero ryacu ndetse n’itorero ryo ku isi yose. Nyamara, tuzi ko itorero ari umugeni wa Kristo. Niba Yesu yaritangiye itorero rye, ntitwakagombye no kumwiyegurira? Abakristo ba mbere bari buzuye Umwuka kandi bafite ubushake bwo kwigomwa byose kubw’itorero ry’Imana n’umurimo ryahamagariwe gukora. Ni kuki utasaba Imana muri iki gihe ngo ikubabarire imiterere mibi y’ibyaha wakoze urwanya Itorero ryayo ndetse ukayisaba kukubahirisha Mwuka wera, ikakongerera imbaraga zo

kubaka ubumwe ndetse ukabaho imibereho irangwa n'ubwitange mu rwego rwo gushyigikira no guhesha umugisha Itorero ryawe ubarizwamo?

## **RAPORO ZO GUSHIMIRA**

- Turashimira Imana amatorero mashya agera kuri 900 yahanzwe mu myaka mike ishize muri Diviziyo y'amajyaruguru y'Amerika.
- Mu majyepfo y'Amerika ibyifuzo byo kwiga ibyigisho bya Bibiriya byikubye inshuro eshanu kuva aho iki cyorezo gitangiriye.

## **IBYIFUZO BYO GUSENGERA**

1. Gusabira itorero ryo mu gihugu cya Gabon. Sabira abizera kugira ubutwari n'ubwenge mu kugeza ubutumwa ku batuye iki gihugu. Sengera cyane by'umwihariko itsinda riherereye muri Akanda riri mu kugerageza kugeza ubutumwa ku bafite ubumuga.
2. Gusabira ibyo itorero ryawe ubarizwamo rikeneye; byaba ibikenewe mu by'umwuka no ku mubiri. Saba kugira ubumwe, gukira indwara no kwivugurura mu gushyigikira imishinga y'itorero n'ibikorwa by'umurimo Itorero ryahamagariwe.
3. Gusabira abapasitoro n'abayobozi b'itorero bo muri iniyo ya Hayiti. Sabira itorero ryo mu turere tumwe na tumwe twa Hayiti yuzuyemo udutsiko tw'ibyihebe twitwaje intwari. Basabire kugira iby'umwuka, umubiri, ubutunzi, n'ubwenge by'abizera bo muri Hayiti.

4. Gusabira abizera bakiriye inyigisho ziyobya bagatatira amahame y'itorero kandi n'ubu bakaba bagerageza gushuka abandi. Basabire kuva muri icyo nzira mbi batangiye bagaruke mu murongo w'itorero.
5. Gusabira abizera bahoze mu Itorero ubu bakaba bararisohotse bakajya gushinga itsinda ryabo cyangwa Itorero ryabo. Basabire kugira ngo bagaruke kugira ngo bagendere mu nzira y'ukuri.

**Umunsi wa 56 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa gatanu w'isabato,  
21 Gicurasi 2020**

**Kwitangira umurimo w'Imana**

"Nubwo kuri bese ndi uw'umudendeze, nihinduye imbata ya bese kugira ngo ndusheho kunguka benshi. ...Kuri bese nabaye byose kugira ngo mu buryo bwose nkize bamwe na bamwe". **1 Abakorinto 9:19, 22b**

"Buri mwigishwa w'ukuri wese wavukiye mu ngoma y'Imana ni umubwiriza butumwa"  
**Desire of Ages, 195**

**IBIBAZO BYO KUZIRIKANA**

Umurimo w'ubumisiyoneri n'ivugabutumwa ntabwo ari imirimo yagenewe gusa abapasitoro cyangwa umubwirizabutumwa wabihuguriwe. Buri mwizera wese wakiriye Kristo mu mutima we mu buryo bw'Umwuka yahamagariwe kumurikira abatuye iyi si binyuze mu kuri kw'ijambo ry'Imana n'ibikorwa by'urukundo.

Ni kuki utasaba Yesu muri aka kanya ngo akwereke uwo uri we n'ahantu aguhamagarira gukora umurimo we muri iki gihe? Saba Imana ngo iguhe umutima wuje impuhwe ku bantu bagiye kurimbuka n'ubutwari bwo gusangiza abandi kwizera kwawe n'urukundo ku bantu muturanye uhamagarirwa guhindura.



## **RAPORO ZO GUSHIMA**

- Umuryango wa Makoba waravuze uti: “Amasengesho y’iminsi 100 twayigiyemo byinshi nk’umuryango. Nubwo ahadukikije hasa n’aho hateye ubwoba, nk’umuryango twafashe iki gihe kugira ngo twongere kwiyegegurira Yesu dukurikirana gahunda y’iminsi 100 y’amasengesho dushikamye.”
- Ivugabutumwa rikorwa n’itsinda ry’urubyiruko bise “Umwaka umwe mu ivugabutumwa” ribera i Guwahati mu Buhinde ryashoboye kugera ku bahindu babarirwa mu magana bakiriye ubutumwa ku byerekeranye n’ubuzima mbere gato y’icyorezo cya Covid-19.

## **IBYIFUZO BYO GUSENGERA**

1. Gusaba ngo Imana ikugaragarize umucyo ku byerekeranye n’umurimo wayo, ikwereke n’uko uhagaze muri wo muri iki gihe. Saba Imana kugira ngo igufashe kuyikiranukira mu kumenyesha Kristo abantu bagukikije binyuze mu magambo uvuga, mu bikorwa byawe n’imyitwarire yawe.
2. Gusabira ibitaro byose by’Abadiventisti kuko bakeneye byinshi muri iki gihe cy’icyorezo cya covid-19. Sabira abaganga, abaforomo n’abakozi bahabwe imbaraga na Mwuka wera ngo babere abarwayi abahamya.
3. Gusabira ibigo by’itorero byitwa “Ibyiringiro by’ubuzima” biri hirya no hino ku isi ngo bibe umucyo muri iki gihe cy’umwijima.
4. Gusabira imijyi minini yo mu karere utuyemo kandi Imana idufashe kujya mbere mu kugera ku bantu bose bahatuye.
5. Gusabira abamisiyoneri bari ku ruhembe rw’imbere bashaka kumenyesha Yesu abantu batuye mu nsiro bamaze imyaka ibihumbi bayobowe na Satani